# Kwivanga kw’Ibihugu by’ Amahanga mu Miryango

Uko watanga amakuru yo guterwa ubwoba no gukangwa biturutse muri za lata z’ amahanga

**Urupapuro rw’ amakuru** / Ukwezi kwa gatatu 2023 **afp.gov.au**

## Intangiriro

Kwivanga kw’amahanga bizana iterabwoba rikomeye ku mutekano w’abaturage ba Australia, ubutavogerwa n’umutekano, n’ubusugire bw’inzego z’igihugu cyacu. Guterwa ubwoba biturutse mu mahanga ntabwo biri gusa mu gice kimwe cy’imiryango ya Australia cyangwa ngo bikorwe n’igihugu kimwe.  Abakoreshwa n’ibihungu by’amahanga bifite imigambi  mibi(ibihugu bikora ibikorwa by’ubugizi bwa nabi ku bindi bihugu) barema uburyo kandi bagashaka amahirwe yo kwivanga mu banya Australia bafata ibyemezo mu nzego zose za leta no mu bikorwa by’igihugu, harimo: ibigo bya demokrasi; uburezi n’ubushakashatsi; itangazamakuru no guhana amakuru; ibikorwa bikomeye by’ibanze; n’ikingezi cyane, imiryango yacu iva ahandi ivuga n’indimi zitandukanye(CALD).

## Kwivanga kw’ibihugu by’amahanga mu miryango

Kwivanga kw’ibigugu by’amahanga mu miryango bisobanurwa nko guterwa ubwoba n’ibikangisho biyobowe, bigahagarikirwa cyangwa bigaterwa inkunga mu buryo bw’amafaranga na leta z’amahanga kandi bikibasira imiryango iva ahandi cyangwa mu bindi bihugu bavuga n’izindi ndimi kugirango bagirirwe nabi kandi bizane ingaruka mbi mu mibereho yo kubaho nk’imiryango ya Australia ituruka mu moko yose. Leta z’amahanga zishobora kwivanga mu miryango kubera impamvu nyishi:

- gucecekesha ikosorwa ry’imikorere y’imbere no hanze bya leta z’amahanga
- gukurikirana ibikorwa( binyuze kuri interineti no buryo butari ubwa interineti) abantu baturuka mu bindi bihugu batuye muri Australia
- guteza imbere imyumvire n’imikorere ya leta z’amahanga
- gutara amakuru afitiye umumaro leta z’amahanga
- guhindura imyumvire n’imiterereze by’abantu muri rusange.

## Kwivanga kw’amahanga mu miryango bishobora kuba mu buryo butandukanye

Harimo:

- Gukubita cyangwa gukangishwa gubitwa(guhohoterwa)
- Gukangishwa kwandagazwa udakoze ibyo usabwa gukora
- Kunyerezwa, gufatwa binyuranyije n’amategeko cyangwa kwamburwa uburenganzira bw’umudendezo

- Kugendagendwaho no gukorwaho utabishaka cyangwa gukoresha uburyo bugezweho nka telefone yo muntoki umuntu areba ibyo ukora byose
- Guhatira umuntu ibintu utera ubwoba umuryango we cyangwa abo afite ahuriye nabo bari hanze ngo bamuhate yemere ibyo asabwa.
- Amakuru ayobya kuri interineti atangwa ku bwinshi anyuze ku mbuga nkoranya mbaga asebya umuntu cyangwa igice cy'abantu.

Byumwihariko, kugirango habeho kwivanga kw'amahanga binyuze mw'itegeko mpana byaha, igingo ya 1995(Cth), igikorwa kigomba kuba gifite aho gihurira na leta y'amahanga cyangwa abo ikoresha. Mu gusuzuma ikigize icyaha, inzego zishyira amategeko mu ngiro zireba niba zakurikiza ibyaha biteganywa na leta ya Australia cyangwa intara zayo.

## Ninde wibasirwa?

Leta z'amahanga zishobora kwibasira:

- Umwenegihugu wa cyera cyangwa wubu utuye muri Australia
- Umunyepolitike cyangwa abaharanira uburenganzira bw'ikiremwa muntu
- Abatavuga rumwe n'ubutegetsi
- Abanyamakuru
- Abahanganye muri politike
- Ibice by'abantu banyamuke ku bwoko cyangwa idini.

## Nakora iki kugirango mfanshe?

Nubwo atari amakuru yose yo kwivanga kw'amahanga mu miryango azatuma Polisi ya Australia(APF) igira icyo ikora, buri makuru **afasha mu gutanga isura** yuko ibibazo birimwo biza.

Buri mpugenge na/cyangwa ibikorwa byo kwivanga kw'amahanga mu miryango gushobora kumenyeshwa binyuze **k'Umurongo Uhoraho W'Umutekano(NSH)**.

- NSH ikora amasaha 24 ku munsi, iminsi 7 mu cyumweru kandi niwo murongo w'ibanze wo kumenyesha impugenge zerekeranye no kwivanga kw'amahanga gushobora kubaho mu miryango.
- Abakozi ba NSH bazamenya icyo gukora ku makuru watanze, naho bikwiye, bageze amakuru ku nzego zishyira amategeko mu ngiro n'inzego z'umutekano ngo zikokore isuzuma.
- Abakozi ba NSH bazafata guhamagarwa kwawe nta kujenjeka kandi amakuru yakiriwe azafatwa nk'aya gaciro.
- Tuziko gutanga amakuru ateye impugenge bishobora kuba intabwe ikomeye. Twubaha cyane uburenganzira bwawe bwo kubikirwa ibanga.
- Bitewe n'imiterere y'amakuru yawe yitonderwa, ntabwo uzasubizwa ku byavuyemo binyuze mu guhamagara cyanwa email.

Amakuru utanga wasanga ariyo abura kurgirango Polisi ya Leta ya Australia ishobore kubuza ibikorwa byo kwivanga by'amahanga mu miryango.

Hari inzira nyinshi zo kugera kuri **NSH:**

- **Hamagara: 1800 123 400**
  - Hanze ya Australia: (+61) 1300 123 401
  - Ku bafite umubuga bwo kumva/For TTY users (hearing impaired users): 1800 234 889
  - **Niba ushaka umusemuzi, hamagara serivisi zo gusobanura mu rurimi rwawe kuri 131 450 ubasabe guhamagara umurongo uhoraho was NSH**
- **Tuma ubutumwa kuri telefone yo mu ntoki - SMS**
  - Ohereza amakuru ukoreshe kohereza ubutumwa kuri telefone yo mu ntoki kuri  0429 771 822
- **Email**
  - Ohereza amakuru kuri email to: hotline@nationalsecurity.gov.au
- **Tuma ukoresheje iposita (Post):**
  - Ohereza ibaruwa kuri iyi address:

    National Security Hotline
    Department of Home Affairs
    PO Box 25
    Belconnen ACT 2616

## Izindi nzira

Ushobora na none gutanga amakuru y'impugenege zawe binyuze mu nzira zitandukanye aho bikwiriye.

- eSafety (umutekano wa interineti) ifasha gukura ibintu bisebanya cyangwa byandagaza cyane kuri interineti. Ushobora gutanga amakuru yo guteshanya agaciro binyuze kuri interineti kwa eSafety Commissioner kuri esafety.gov.au/report.
- Niba wumva utewe ubwoba cyangwa wumva udafite umutekano mu buryo ubwo aribwo bwose, ushobora guhamagara**:**
  - **Polisi - kuri 000 ku iterabwoba ryako kanya**
  - **Polisi - kuri 13 14 44 kugirango polisi yite ku bibazo bidakanganye ku buzima bw'umuntu.**
- Ushobora gutanga amakuru ku makosa akurikiranwa na leta nkuru ya Australia kuri Polisi Nkuru ya Australia binyuze kuri interineti wuzuza iyi fomu forms.afp.gov.au/online_forms/report_a_crime. Ku makuru yandi kubigize icyaha gikurikiranwa na leta nkuru ya Australia, reba ku rubuga rukurikira afp.gov.au/contact-us/report-commonwealth-crime#What-is-a-Commonwealth-crime.
- Buri muntu wo mu muryango ashobora gutanga amakuru agendanye n'bikorwa bikekwa kuba ubumaneneko cyangwa ibikorwa byo kwivanga bw'igihugu cy'amahanga  wavugana n'umwe mu bakozi ba Polisi Nkuru ya Australia (harimo n'umupolisi uva mubashinjwe guhuza Polisi n'imiryango-Community Liaison Team).

## N'iki nakwitega mu gutanga amakuru yo kwivanga kw'amahanga mu miryango?

Polisi ntabwo yakora iperereza amakuru yose yo kwivanga kw'amahanga mu miryango.Guhamgara kose gukozwe kuri NSH cyangwa amakuru yo gukora icyaha asuzumwa bigendanye n'umwihariko wa buri makuru kugirango icyaha kimenyekane. Ibyavuye mu makuru harimo:

- Hashobora kutaba igikurikiraho kuko icyavuzwe kidafite ibasabwa bigendanye n'amategeko kugirango polisi igire icyo ikora
- Polisi nkuru ya Australia(AFP) ishobora gukora iperereza
- Serivise iyo ariyo yose ya Polisi cyangwa urwego urwo arirwo rwose rwa leta rushobora kubikurikirana.

Ku byaha bikorewe hanze ya Australia, hari imbogamizi zigendanye n'bushobozi bwo gufata ibyemezo bigendanye n'amategeko.

## Ubwoko bwo guterwa ubwoba

### Niba utewe ubwoba aho ngaho muri kumwe

- Andika cyangwa ufate amajwi yuko watewe ubwoba nkuko byavuzwe.
- Andika ibintu byose bishoboka biranga umuntu waguteye ubwoba(izina, igitsina, uburebure, ibiro, umusatsi, n'ibara ryíjisho, ijwi, imyenda, cyangwa ikindi icyo aricyo cyose kimutandukanya n'abandi.
- Menyesha iterabwoba kuri polisi.

### Niba utewe ubwoba kuri telefone

- Niba bishoboka, cira isiri abari hafi kumva no guhamagara polisi.
- Fata amajwi uko guhamagara niba bishoboka.
- Andika neza neza amagambo y'iterabwoba.
- Fata kopi cyangwa ifoto y'amakuru agaragara kuri telefone inyuma ahagarara.
- Uboneke ku murongo kugirango uvugane na polisi ku buryo burambuye.

### Niba utewe ubwoba binyuze mu butumwa bwo kuri telefone igendanwa, ku mbuga nkoranya mbaga cyangwa email

- Ntugasibe ubutumwa.
- Capa, gufata kopi, screenshot(ifoto ya screen), cyangwa ufate kopi y'amakuru y'butumwa (umutwe w'amagambo, itariki, igihe, uwohereje, n'bindi.). Kora ku buryo ufata kopi y'ubutumwa cyangwa ufotore ubumtumwa kuri screen bumara igihe gito.
- Uwo mwanya menyesha polisi ko wagizweho iterabwoba.
- Bika ibimenyetso byose byo mw'ikorana buhanga(electronic).

**Irinde uburyo butandukanye bwo guterwa ubwoba, ukoresheje ibi bikurikira:**

- Ntugafungure ubutumwa bufite ibindi bifasheho ugomba gufungura bunyuze kuri telefone cyangwa computer(email) utazi uwabutumye
- Ntukavugane n'abantu utazi cyangwa abantu utashatse ubwawe
- Ugomba gushyira ubwirinzi bwo hejuru muri telephone cyangwa computer n'amakuru yawe ushyiraho
- Abagizi ba nabi bo kuri interineti bashobora kwinjira mu bikoresho byawe bagakoresha amakuru yawe mu buryo bubi
- Hita ushaka banki yawe kugirango urinde amakuru yawe ku bajura biba imyirondoro y'abantu
- Koresha interuro y'ibanga ikomeye kandi ntukayikoreshe ku mbuga nyinshi
- Koresha program irinda ibikoresho byawe ibitero cyangwa virusi(anti-malware and anti-virus) zitera ibikoresho ukoresha kandi izo program zibe zigendanye n'igihe buri gihe
- Ujye buri gihe ushyira ibikoresho byawe ku gihe(system and software updates)
- Koresha uburyo bwo kwirinda ukoresha uburyo bubiri bwo kwinjira (two-factor auntentification)
- Koresha uburyo bwo kurinda ibiri mu bikoresho byawe buri gihe(backup data regularly)
- Rinda ibikoresho bigendanwa
- Shyiraho uburyo bwo gutekereza no gusobanukirwa umutekano wo kuri interineti
- Ku makuru yandi, sura uru rubuga cyber.gov.au.